“GUTABAZA YESU MUBYO DUKENEYE BYIHUTIRWA!”

Icyumweru cya 10 - Iminsi 100 yo Gusenga

Gicurasi 29 - 4 Kamena 2020

“**IBYIZA BIVA MU KUGIRA UMUTIMA USHENJAGUWE**”

Byateguwe na: Melody Mason

Sinzigera na rimwe nibagirwa, mu myaka mike ishize, ubwo niteguraga kuyobora igikorwa cyo gusenga mu birori bikomeye twari dufite, uburyo Umwuka Wera yanyemeje ikintu cyihariye mu buzima bwanjye nari nkeneye gukosora hagati yanjye n’ Imana. Byarambabaje cyane.Napfukamye hasi muri iryo joro maze ndasenga nti: “Nyagasani, ndakwinginze ngirira imbabazi.”

Mu gihe naturiraga Imana icyaha cyanjye, hari intambwe zimwe nari nkeneye gutera kugira ngo mbashe kwikosora, ariko sinashoboraga guhita nzitera uwo mwanya. Ntabwo rero nari nzi neza icyo nkwiriye gukora. Nibajije niba ngomba gukomeza kujya mbere mu nshingano zanjye z'umurimo w'amasengesho cyangwa se nari nkwiriye gushaka undi muntu wo kuwunkorera kugeza igihe mariye kugira ibyo nkosora.

Nk’umuyobozi wari wubashywe mu murimo, nari nkwiriye guca bugufi cyane ku byerekeranye no kwemerera abandi ko nacumuye ku Mana mu kintu runaka. Sinifuzaga ko biba ikibazo muri bo no kugaragaza ko ndi umunyantege nke mu bya Mwuka imbere ya bagenzi banjye cyangwa imbere y’abashyitsi benshi bari bitabiriye amateraniro. Nuko rero n’umutima uremererewe cyane n’amarira menshi yabungaga mu maso, nagiye kuryama muri iryo joro.Niyemeje ko nzasaba undi muntu kuyobora igikorwa cy’ amasengesho ku munsi ukurikiraho.

Bukeye mu gitondo ubwo niyemezaga gushaka undi umuntu wo kunsimbura, Imana yahagaritse inzira zanjye mu gihe Umwuka Wera yatangiraga kuvugana n'umutima wanjye. "Melodi, ugomba kuyobora igikorwa cy'amasengesho muri iki gitondo. Ntugire undi muntu ushaka wo kugusimbura!"

“Tegereza Imana.Ntushobora kubisobanura”. Nabivuze amarira abunga mu maso yanjye. Ariko Umwuka Wera yakomeje kubwira umutima wanjye ati: “Nibyo, ndashaka ko uyayobora ariko ntugomba kuyayobora nk'umuntu ushaka ko abantu bose batekereza uko ari. Sinshaka ko abantu bayobora bahisha ibyaha byabo kandi bagakomeza gukora basa nk’aho ibintu byose bigenda neza. Ndashaka abantu b’imitima imenetse; imitima ica bugufi ubwayo kugera ku rwego rw’uko ubwibone bwashira. Abo nibo gusa nshaka gukoresha mu guhesha izina ryanjye ikuzo. Nzi ko bibabaza ariko ugomba kugeza ku itorero ibyo umutima wawe wakwemeje muri iri joro ryakeye. Ube umunyakuri ku byerekeranye naho wacumuye imbere yanjye! Noneho ubararikire kuzana nawe ku musaraba kugira ngo mubabarirwe ibyaha byose no gukuraho ibibatandukanya. Urabona ko niba abantu bategereje kuza ari uko ibintu byose bafite bitunganye, ntibazigera baza. ”

Na none natangiye guhakana ndavuga nti: “Sinshobora gukora ibi Mwami! Abantu bose bazatekereza iki nibabona uko nagucumuyeho? ”

Umwuka Wera yabwiye umutima wanjye mu ijwi ryoroheje ubwo yahindukizaga amaso yanjye ngo arebe mu ijuru. Yarambwiye ati: “Ntacyo bitwaye batekereze ibyo bashaka. Iki gikorwa sicyo kurinda icyubahiro cyawe ahubwo ni icyo guhesha Imana ikuzo. Ariko niba ugomba kubikora, ugomba guca bugufi. ”

Yoo, burya sinashakaga kumvira ibyifuzo bya Mwuka wera muri icyo gitondo. Iyo nza guhunga nka Yona cyangwa ngahungira mu buvumo, nari kubikora ako kanya ariko nari namenye icyo ngomba gukora. Nagombaga kumvira.

Mpinda umushyitsi kandi n’amarira abunga mu maso, nagiye imbere y'abantu babarirwa mu magana muri icyo gitondo, maze mbabwira ibyo Uwiteka yari yanshyize mu mutima. Bari bateraniye mu cyumba batuje aho buri wese yari ateze amatwi ngo yumve amagambo avuga ngo: "Yesu aturarikira kumusanga uko turi". Mbivuga mu ijwi rituje ariko nkomeza guhanagura amarira yari mu maso yanjye maze ndavuga nti: "Noneho njye uko ndi kandi ndakuraritse ngo uze dufatanye guhanga amaso ku musaraba."

Kuri ubu butumire abantu bose bahagurutse mu ntebe zabo baza imbere y’aho twari tuteraniye mu cyumba. Abantu bari babajwe n’ibyaha, amarira ari yose.Abantu benshi batandukanye basabye Imana imbabazi z'ibyaha byose bacumuye kandi bakuraho ibintu byose byabatandukanyaga mu buzima bwabo. Umwuka Wera yari ahari. Mu gitabo cyo kugana Yesu tuhasanga amagambo akurikira:

“Nimuramuka mumenye ibyaha byanyu, ntimugatinde kubicikaho.Benshi bibwira yuko ibibi byabo bibabuza gusanga Kristo. Mbese mwibwira ko ari mwe muzigira beza?”Mbese umwetiyopiya yabasha guhindura umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo. Namwe ni ko mutabasha gukora ibyiza kandi mwamenyereye gukora ibibi.” Yeremiya 13:23

Nta wundi ubasha kudufasha keretse Imana yonyine gusa. Twe kurindira ikindi gihe: twe kuganyiriza ngo twemezwe kurutaho, cyangwa ngo turindire uburyo buruta ubwo twabonye. Cyangwa ingeso ziboneye ziruta izo dufite. Ubwacu ntacyo twabasha kwimarira.Dukwiye gusangana Yesu imitwaro yose y’ibyaha dufite. (Kugana Yesu p.24)

Iyo nshubije amaso inyuma, ntekereza ko iki cyari kimwe mu bintu byiza; ibikorwa byera by’amasengesho ntigeze mbona mu mibereho yanjye kuko Imana

yadukoreye umurimo wimbitse wo kutweza twese muri kiriya gitondo. Imitima myinshi yari imenetse.Mbega ukuntu byari byiza! Uwiteka yakijije imitima yacu. Muri Zaburi 51:17 Bibiliya iratubwira iti: “Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, Umutima umenetse ushenjaguwe, Mana, ntuzawusuzugura.”

Ni irihe turo ushaka kuzanira Imana muri iyi minsi? Mbese ni imirimo yawe myiza? Amaturo yacu meza ntacyo ahuriyeho n’imirimo yacu.Ahubwo ituro nyaryo ni umutima umenetse utikanyiza kandi utibona ko wihagije.Ducishwa bugufi kuko tuba duhanze amaso ku musaraba. Nk’uko indirimbo izwi cyane: “Ayi rutare rw’Imana” ibivuga neza cyane, "Nta kintu na kimwe kiri mu biganza nzanye, uretse gusa umusaraba wa Kristo nishingikirijeho." Reka twishingikirize ku musaraba uyu munsi.

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Imana iba he? (Soma: Yesaya 57:15) kandi ni izihe ngaruka z'agahinda ko mu buryo bw’Imana (Soma 2 Abakorinto 7: 9-11)? Ni iki Dawidi yasabye mu isengesho rye ryo kwihana (Soma: Zaburi 51: 1-19)? Gereranya n’uburyo Sawuli yasubije igihe yamenyeshwaga ibyaha bye (1 Samweli 15: 1-30). Mbese ni iyihe mico ishingiye kuri Bibiliya ugaragaza cyane mu gihe umenyeshejwe ibyaha byawe – Mbese uri umwe mu bahita bashaka kwisobanura no gukomera ku cyubahiro imbere y’abantu cyangwa uri umwe mu bemera ku mugaragaro icyaha cyabo n’umutima umenetse wo kwihana kw’ukuri?

IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA

Mu buryo bwo gusenga, soma “ibyiza byo Kwicisha bugufi” mu gihe uzaba uri mu cyumweru gitaha cy’amasengesho. Ntabwo ari ikintu dushobora gusuzuma mu itangira ry’urugendo rwacu rw’iby’umwuka ahubwo ni igihe cyose turi mu rugendo. Mu gihe ufite ibibazo mu mutima wawe, baza Imana niba hari ubwibone mu bugingo bwawe butuma udasabana n’Imana cyangwa niba hari umuntu uwo ari we wese w’aho ubarizwa (yaba uwo mu muryango, inshuti n’abo mukorana) ukeneye kuba wasaba imbabazi.Aka kanya wumvire Mwuka wera ukuyobora. (Zaburi 66:18, Matayo 5: 23-24, Imigani 28:13, Matayo 6: 14-15).

“….Umuntu afite ingero z’ibyaha, kandi n’Imana nayo irazifite. Ariko igicumuro kibaye gito mu maso y’umuntu, mu maso y’Imana kikaba kinini, kuko ari nta gicumuro kiba gito imbere yayo.Iyo umuntu aciye urubanza rubamo kubera, ntirutungana; ariko Imana igera byose uko biri koko. Umusinzi anegurizwa izuru, abwirwa ko icyaha ke kizamubuza kujya mu ijuru; ariko uwirarira, n’uwikanyiza n’uwifuza, haba ubwo bo batabihanirwa. Nyamara ibyo byaha nabyo Imana ibyanga urunuka; kuko biciye ukubiri n’ubugwaneza bw’imico yayo, na rwa rukundo rutikanyiza rugose amasi ataguye. Ugwa mu cyaha gikomeye, haba ubwo agira isoni, akumva akennye imbabazi za Kristo ariko uwirarira we, ntiyumva ko hari icyo akennye, yanga gukingurira Kristo umutima we, akivutsa imigisha itarondoreka yatugeneye. (**Kugana Yesu. P.23)**

Umunsi wa 64 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATANDATU W'ISABATO, 29 GICURASI 2020

RAPORO ZO GUSHIMA

• Marlynn W. (soma: Merini W.) yaravuze ati: "Turashimira Uwiteka ko muri iki gihe cy' iminsi 100 y'amasengesho muri iki gihe cy' icyorezo cya covid-19 Imana yaraturinze; iturindira mu kazi, iduha ibyo kurya n'icumbi. Uwiteka kandi yatwemeje ko tugomba kujya mu cyaro. Byongeye kandi, yampaye amahirwe yo kumuhamya mu muryango w'Abayisilamu. "

• Moses M. yaravuze ati: "Urakoze kudusengera. Uwiteka yumvise amasengesho yawe! Biratangaje! Mu gihe cya guma mu rugo mu gihugu cya Namibiya, abantu bagera ku 1100 biyandikishije mu kwiga ibyigisho bya Bibiriya.70% muri bo bakaba atari Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi. "

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abanyeshuri bo ku isi yose batari gukomeza amasomo yabo bitewe na gahunda ya guma mu rugo. Basabire kugira ngo mu gihe bazaba basubiye ku mashuri Imana izabahe uburyo bwo kubona amafaranga y'ishuri.
2. Gusabira abakozi bo mu ngo bahohoterwa bo hirya no hino ku isi.

3. Gusabira umuryango wa Alegizanderi Ositakini, Umupasitoro wishwe mu gihe yakoraga umurimo. Saba Imana kugira ngo amaraso y'iyi nzirakarengane yasheshwe azabe umusemburo w'ubutumwa bwiza.
4. Gusabira abantu bose bahanganye n'icyorezo cya Covid-19. Basengere kugira ngo abafashwe nacyo bakire.

Umunsi wa 65 - KWIBANDA KU MASENGESHO – KU ISABATO, 30 GICURASI 2020

AMAHORO AKOMOKA KU MANA

"Hahirwa abakiranura, kuko aribo bazitwa abana b'Imana." - Matayo 5: 9

"Kristo ni"umwami w'amahoro" Yesaya 9:6, kandi ni umurimo we kuvugurura mu isi nomu ijuru amahoro yangijwe n'icyaha."Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo." Abaroma 5:1 umuntu wese wiyemeza kwanga icyaha no gukingurira umutima we urukundo rwa Kristo, ahinduka umwe mu bafite amahoro aturuka mu ijuru." (Abahirwa ni bande? P.28)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Agakiza tubonera muri Yesu gatuma tugira amahoro asesuye ariko Yesu ntabwo aduhamagara gusa ahubwo anaduhamagarira kugira amahoro akomoka ku Mana kubwo kuyegurira ubugingo bwacu.Iduhamagarira kandi no kuba abahesha abandi amahoro; ni ukuvuga abanyamahoro. Muri iki gihe cy'icyorezo, mbese ntiwahitamo kuba umunyamahoro nk'uyu? Ntiwakora ibishoboka byose kugira ngo ugaragaze amahoro akomoka ku Mana-ukagaragariza urukundo rwayo abantu bose bagukikije bafite intimba n'ubwoba muri ubu buzima?

Niba warabaye nyirabayazana w'amakimbirane n' impaka mu muryango wawe cyangwa mu itorero, ntiwazasaba imbabazi kandi ngo uheshe abandi amahoro akomoka ku Mana?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Julius S. (Soma: Yuriyusi S.) Yagize ati: “Kubera icyorezo Itorero ry'Abadiventisti muri Siyera Lewone ritambutsa ibikorwa byaryo kuri TV y'igihugu!”

• Cedrick B. (Soma: Sedirike B.) Yaravuze ati: “Nasengaga nsaba kugira ababyutse. Imana yasubije isengesho ryanjye muri iyi iminsi 100 y’amasengesho.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira umurimo muri kaminuza y'Abadiventisti yo mu gihugu cya Kolombiya kuko itanga amahirwe y’akazi ku miryango yimuka ituruka muri Venezuwela. Senga kugira ngo indi miryango myinshi ibone ubufasha, haba hariya ndetse n'ahandi hantu.
2. Gusabira ubutumwa butambuka kuri radiyo yatangiye umurimo i Tokiyo muri 2017. Saba Imana kugira ngo ikomeze gufasha radiyo y'Abadiventisti kugira ngo ikomeze kugera ku baturage ba Tokiyo.
3. Gusabira umurimo w’ivugabutumwa mu mujyi wa Spokane"ubwitange, kwongera ibigo byo mu mijyi bibwiriza ubutumwa bwiza no gushaka ubundi buryo bunoze bwo gukora umurimo mu mijyi kugira ngo habeho gufasha

abaturage bo muri uwo mujyi wa Spokane wo mu burasirazuba bwa Washingitoni muri Leta zunze ubumwe za Amerika.

4. Gusabira akarere ka Rwenzori muri Uganda kibasiwe n'umwuzure inshuro nyinshi mu byumweru bike bishize.

Umunsi wa 66 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA MBERE W'ISABATO, 31 GICURASI 2020

AMAHIRWE ATURUKA MU GUTOTEZWA

"Hahirwa abarenganyirijwe gukiranuka, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo." - Matayo 5:10

"Yesu ntabwo yiringiza abamukurikira ibyiringiro byo kugera ku cyubahiro n'ubutunzi by'isi, no kubaho batageragezwa, ahubwo abaha amahirwe yo kugendana na Shebuja mu nzira zo kwigomwa no gutukwa, kuko ab'isi batabazi". (Abahirwa ni bande? P.29)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Urukundo rutikanyiza, gukiranuka, kwera, n'ukuri birangwa n'ubukristo bukiranuka.Satani azabyutsa gutsimbarara n'inzangano mu bahitamo kwirengagiza ijwi ry'Umwuka wera. Dushobora kugira kwizera gushyitse ndetse kurimo no gutotezwa kose.Yesu azabana natwe kandi azihesha ikuzo biny**uze** mu byatubayeho bitoroshye.

Mbese wigeze utotezwa kubera gukiranuka kwawe uzira Yesu? Kubera iki utahitamo uyu munsi kwamagana icyifuzo icyo ari cyo cyose cyo gushimishwa

n’iby’isi, maze binyuze mu kwibanda ku gusenga ukagaragaza icyubahiro cy’Imana, n’iyo byaba ngombwa ko bituruka mu itotezwa?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Amatorero menshi yagiye ashaka uburyo bwo kuyobora gahunda yo ku isabato muri iki gihe cyo guhana intera hagati y’umuntu n’undi.

• Icyorezo cyatumye abizera ku isi yose bamenya akamaro ko kwitungira amagara mazima. Inyungu zituruka mu gikorwa cyo kwirinda hakoreshejwe ubuvuzi kamere (NEWSTART) n’ibindi zigenda ziyongera. Ubu ni igihe cyiza cyane cyo gusobanurira abantu byimazeyo amategeko y’Imana agenga ubuzima mu buryo bwuzuye.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira umurimo w’itorero rya kera ry’Abadiventisti bo muri Noruveje, ubu wongereho ikigo kibwiriza ubutumwa kugira ngo bashyireho amashuri ya Noruveje yo kwigishirizamo abimukira, ishuri ryigisha guteka, aho baganirira banywa icyayi n'ibindi.
2. Gusabira umurimo w’imodoka ebyiri nshya zifasha mu murimo w’ubuvuzi muri Chiapas (soma Shiyapasi) mu gihugu cya Megiziko. Sengera abarwayi zitwara n’abaganga zitwara barara izamu mu mpera z’icyumweru basuzuma abantu babishaka ku buntu, abo babaga mu buryo bworoheje, abavurwa

amenyo, abo banyuza mu byuma, abo basuzuma uburwayi bw'amaso n'ibindi.

3. Gusaba ububyutse bwo kubaha Imana no gushishikarira kongera kuvuga ubutumwa kwa buri mwizera n' ubw'itorero ku isi yose.
4. Gusabira itorero ry'abadiventiste mu Burundi riri kunyura mu ngorane zitandukanye n'ibibazo byinshi muri iki gihe. Saba Imana itabare kuko ariyo yonyine yagarura amahoro.

Umunsi wa 67 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA KABIRI W'ISABATO, 1 KAMENA 2020

GUTUKWA UZIRA UKURI

"Namwe muzahirwa ubwo bazabatuka bakabarenganya, bakababeshyera ibibi byinshi babampora. Muzanezerwe, muzishime cyane kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru, kuko ariko barenganyije abahanuzi ba mbere. " - Matayo 5: 11-12

"Buri gihe intumwa zatoranijwen'Imana zagiye zitukwa zikarenganywa, nyamara imibereho yabo yatumye kumenya Imana bikomeza gukwira mu mahanga. Umwigisha wese wa Kristo akwiriye kunyura mu nzira zabo no gukora uwo murimo, azi neza ko ntacyo abanzi bawo bashobora gutwara ukuri, ahubwo ko baguhesha ibyiza. Imana ivuga yuko ukuri kuzashyirwa ku ruhembe ngo kugenzurwe kandi kugirweho impaka zose, igitutsi cyose, n'igikorwa cyose cyo kubuza umutimanama umudendezo, ni inzira z'Imana zo gukangura imitima ihunikira." (Abahirwa ni ba nde? P.32-33)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Iyo habayeho gutotezwa, mu gihe izina ryawe bari kurisebya, mu gihe ubuzima bwawe bushobora kujya mu kaga, urukundo rwa Yesu n'ukuri kwe bizamurika cyane. Wumva wazasubiza iki, uzavuga iki, uzakora iki mu gihe uhuye nabyo? Mbese uzafata cyemezo ki gihamye ku ngaruka zikomeye kubashaka kwangiza ubuzima bwawe?

Ni kuki utasaba Yesu ngo agufashe kuba umuntu ukiranuka no kugira urukundo uyu munsi na buri munsi kugira ngo ubashe kwerekana urwo rukundo rwa Yesu n'ubwo waba uri gutotezwa?

Mbese n'ubu ntiwasaba Imana muri aka kanya ngo ikugire umukristo nyawe wakorerra Yesu n'ubwo ijuru ryagwa?

RAPORO YO GUSHIMA

• Abapasitoro, abakozi b'itorero, abarimu, ndetse n'abakorerabushake ku isi hose bahanganye n'ikibazo cy'umurimo wadindiye kubera kugabanuka kw'icya cumi n'amaturo.Bashyize kwizera kwabo mu Mana ikora ibitangaza. Imana ikingura imiryango myinshi kugira ngo abantu bakore umurimo mugari bifashishije umutungo muke ugereranije na mbere.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira igikoni cy'itorero ry' Adventiste b'umunsi wa karindwi ry'I Wariwiki muri Sidini Ositaraliya, gitanga ibyo kurya kandi gihuza abantu bo mu karere kabo. Saba Imana kugira ngo ibafashe kubaka umushyikirano n'abaturage baho bose.

2. Gusabira ishuri rishya ry'ubuvuzi rizigisha ubuganga muri kaminuza ya Afrika yo hagati ikorera i Kigali mu Rwanda. Sabira abanyeshuri bazarirangizamo n'abantu rifasha.
3. Gusabira inyubako y'urusengero ruri kwongera kubakwa n'ikigo cy'ishuri ry'abadivantiste bo mu majyepfo ya Filipine rwasenywe n'umutingito wo mu Kuboza 2019.
4. Gusabira ikigo cy'ibwirizabutumwa giherereye mu mujyi utavuzwe izina utuwemo n'abayisiramu. Bamwe mu Bayisilamu basabye kubasengera muri iki gihe cy'icyorezo cya Covid-19. Bizera ko amasengesho y'itorero ry'Abadiventisti ko Imana iyategera amatwi.

Umunsi wa 68 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATATU W'ISABATO, 2 KAMENA 2020

UBURYOHE BUKOMOKA KURI YESU

"Muri umunyu w'isi, mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Ntacyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira. " (Matayo 5:13)

"Igihe Imana yita abana bayo umunyu, iba ibigisha yuko umugambi wo kubagira ingabo zikorera Ubuntu bwayo ari ukugira ngo bahinduke abahesha abandi agakiza.Umunyu ukwiriye kuvangwa n'iby'ushyirwamo.Ukwiriye kujyamo bigahwana kugira ngo ibyo bintu bye kubora. Ni nako bimeze rero iyo abantu bashyikirana bakabana.Bababona imbaraga ikiza y'ubutumwa bwiza. Ntabwo bakizwa nk'imbaga y'abantu nyamwinshi, ahubwo bakizwa umwe umwe. Urugero dutanga ni imbaraga ikomeye cyane. Dukwiriye kurushaho kwegerana nabo twifuza kuganira.

Uburyohe bw’umunyu bushushanya imbaraga ikomeye y’umukristo; urukundo rwa Yesu iyo rugeze mu mutima, no gukiranuka kwa Kristo iyo kuzuye mu bugingo bw’umuntu. Urukundo rwa Kristo rukwira hose kandi rugendana imbaraga. Niruba muri twe, ruzagera no ku bandi. (Abahirwa ni bande? P.34-35).

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Igikorwa cyo kumenyesha abandi Kristo ni inshingano ya buri mwizera. Gukoresha imibereho yawe ya gikristo kugira ngo uhamye Yesu, guhamiriza abandi ibyo yagukoreye n’uburyo ari we nzira, Ukuri n’ubugingo, iki nicyo imibereho ya buri mukristo wese ihamagarirwa.

Mbese ufite inshuti mutizera kimwe cyangwa abo mukorana muri ubu buzima cyangwa wigeze kuba mu “bizera b’abadiventitse bafite umwete"? Mbese haba hari umuntu umwe utari umukristo mu buzima bwawe waryohewe na Yesu mumarana igihe nawe muri kumwe? Saba Yesu uyu munsi akugire umunyu we uryoshye ku batuye isi.

RAPORO YO GUSHIMA

• Ibisubizo biherutse kuboneka bivuye mu igeragezwa ry’urukingo rwa coronavirusi byerekanye ko abageragerejweho urukingo basanze umubiri wabo warakoze abasirikare bo kurwanya virusi. Dushimire Imana kubw’iyi ntambwe ikomeye imaze guterwa iganisha ku gukira binyuze mu bushobozi bw'umubiri wacu bwo gukora abasirikare.

IBYIFUZO BYO GUSENGA

1. Gusabira umurimo mu kigo kiyobowe n’abadiventiste cy’impunzi n’abimukira i Manawusi muri Burezili. Bitaye ku Banyavenezuwela babaho ari abimukira muri Burezile. Saba Imana ibahe umugisha kandi ibabashishe kwongera gukoresha uburyo bakoresheje bwo kubafata neza.
2. Gusaba Imana ngo izane abashyitsi bahire mu bubiko bw’ibyo kurya by’umubiri n’aho bafatira icyayi cyitwa “Igisibo” i Yoshikari-Ola, mu Burusiya. Saba Imana ihe umugisha amashuri yabo yigisha guteka n’ubundi buryo bwo kubageraho.
3. Gusabira abizera n’abanyeshuri b’ itorero ry’abadiventisiti bo mu kigo cy’ishuri cyo muri Ginobatani, mu gihugu cya Filipine. Icyo kigo cy’Ishuri ry’itorero cyarangiritse cyane kubera inkubi y'umuyaga iherutse. Sabira abantu bose bahuye n’ibiza bitandukanye ku isi.
4. Gusabira ikigo cya Shalemu kigisha uburyo bwo kwitungira amagara mazima cy’ i Bogori, mu burengerazuba bwa Java. Cyagize abashyitsi bake cyane kuva icyorezo cya Covid-19 cyatangira kandi gifite ibibazo by’amafaranga. Basabire ngo Imana ibafashe muri iki gihe bafite gahunda yo gukangurira abantu kureka ibiyobyabwenge bifashishije umurongo w’ikorana buhanga (Zoom), kugira ngo babashe gukiza ubugingo bwa benshi muri iki iki gihe cy’icyorezo cya covid-19.

Umunsi wa 69 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA KANE W’ISABATO, 3 KAMENA 2020

KUMURIKA UMUCYO UKOMOKA KURI KRISTO

“Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y’umusozi ntubasha kwihisha. Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku

gitereko cyaryo rikamurikira abari mu nzu bose. Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze so wo mu ijuru. " - Matayo 5: 14-16

"Kamere y'umuntu nta bwo igira umucyo.Tutari muri Kristo twamera nk'urutambi rw'itara ruzimye, ndetse twamera nk'ukwezi kudahanganye n'izuba; nta mucyo na mucye dushobora kumurikishiriza isi.Ariko iyo duhindukiriye zuba ryo gukiranuka tugashyikirana na Kristo, umutima wose wuzurwamo n'umucyo urabagirana uturuka ku Mana iyo turi kumwe nayo. Abayoboke ba Kristo bakwiriye kuba ikirenze kumurikira abantu. Bakwiriye kuba ikimurikira isi yose….Abamarayika b'ubwiza bategereje kubanyuzamo umucyo n'imbaraga bishyirwa abantu bagiye kurimbuka. (Abahirwa ni bande? P.38-39)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Wasomye amagambo yavuzwe haruguru? Wabonye ko abamarayika bategereje gukora binyuze muri wowe kugira ngo ugarure abazimiye? Mbese Ibi ntibitangaje?

Urararikirwa kutuzuzwa Mwuka Wera gusa kugira ngo wezwe, ahubwo ukagira uruhare no mu kumurikira abandi ukuri, urukundo no gukiranuka kwa Yesu ku isi igeze ku mperuka y'ibihe.

Tekereza ku muryango wawe, ku nshuti zawe, ku abaturanyi bawe no ku bo mukorana. Saba Imana ngo ikwereke ko ukeneye umucyo wa Yesu muri ubu buzima bwa none. Ninde ukwiriye gusengera no kumugeraho muri iki cyumweru?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Ibihugu byinshi ku isi bitangiranye n'ubushishozi bwinshi kuva mu kato.

• Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima riravuga riti: “Niba iyi virusi hari icyo itwigisha ni uguca bugufi.” Abantu basobanukiwe uburyo ari abanyantege nke. Iki ni igihe cyiza ku itorero cyo kwereka abashaka ibyiringiro dufite muri Yesu!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira imigisha y’Imana abizera bo mu mujyi wa Panama bakora imodoka, ngo ibakoreshe nk’ibigo kibwiriza ubutumwa. Kimwe cya kabiri cy'abaturage ba Panama baba mu mujyi wa Panama.
2. Gusabira ikigo cy’ibwirizabutumwa cyo mu mujyi wo muri Batamabge, Kambodiya.Harimo siporo, resitora y'ibikomoka ku bimera, ikibuga gikinirwaho, aho gusengera, inyigisho z'ubuzima, inyigisho z'umuziki n'ishuri ry'indimi. Basabire imigisha y'Imana muri ubu buryo bakoramo butandukanye kandi ubasabire guteza imbere umurimo no kuzana abantu bafite imitima yiteguye kwakira Kristo
3. Gusabira icyiciro cy’abagore b’ Abadiventisti mu guteza imbere amatsinda mato y’ivugabutumwa muri iniyo yo mu burengerazuba bwa Nijeriya.
4. Gusabira umurimo mu kigo gishya cy’itorero ry’abadventiste kigamije kurwanya ibiyobyabwenge i Orulando, muri Folorida ho muri Leta zunze ubumwe za Amerika gifasha mu kurwanya ibiyobyabwenge byabaye gikwira. Sengera kandi za miriyoni z’abantu zifuza umudendezo wo kwishora mu biyobyabwenge.
5. Gusabira abantu banduye coronavirus bakiri mu bitaro.

Umunsi wa 70 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATANU W'ISABATO, 4 KAMENA 2020

ITEGEKO RY'URUKUNDO

"Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira." - Matayo 5: 17-18

"Ubwiza bw'imico ya Kristo, aribwo butabasha kugereranywa n'ubw'abantu barusha abandi kugwa neza.Yesu, usa na Data wa twese, icyubahiro cy'ubwiza bw'Imana; umucunguzi witanze, imibereho ye y'urukundo igihe yari umugenzi mu isi yagaragaje byuzuye kamere y'amategeko y'Imana. Mu mibereho ye, byagaragaje yuko urukundo rukomoka mu ijuru, arirwo mico isa n'iya Kristo, rushyigikiye gukiranuka ibihe byose (Abahirwa ni bande? P.47)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Amategeko y'Imana ni itegeko ry'urukundo. Yesu yagaragaje uko kubahiriza amategeko bimera. Ushobora gukurikiza amategeko gusa igihe wishingikirije byimazeyo ku Mwuka Wera kugira ngo agufashe. Nk'uko wizera ko agiye kugufasha kubaho ubuzima burangwa n'urukundo rutikanyiza kandi nk'uko kubwo kwizera ukora ibikorwa by'urukundo, imbaraga ze mvajuru zizagushoboza kandi zikorere muri wowe ku bushake no gukora ibikorwa byiza bishimishije.

Niba uhanganye no gukiranuka ku mategeko y'Imana, ntiwasabaYesu uyu munsi kukubabarira no kukuzuza Umwuka Wera? Ntiwamusaba kugufasha kutubahiriza

inyuguti z'amategeko gusa ahubwo umwuka w'amategeko urangwa n'ubwitange, urukundo rwitangira Imana n'abantu bose?

RAPORO ZO GUSHIMA

Marietta A. (Mayeta A) yaravuze ati: “Urakoze kubw’amasengesho yawe! Umuhungu wanjye yakize icyorezo cya Covid-19 kandi yasubiye nka mbere. Imana ishimwe! ”

Umubare w'abantu bapfa bazize icyorezo cya Covid-19 muri Esipanye wagabanutse cyane uva kuri 11% kugeza ubu 2% gusa.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira ikigo kibwiriza ubutumwa cyo mu mujyi wa Gwatemala utanga ibiryo, koza amenyo, ubwogero n'ahantu ho kumesera imyenda ku bazerera mu mihanda. Nyamuneka saba Imana gusubiza ibyo abo bashyitsi bakeneye muri iki kigo no kubafasha kubona ibyiringiro by’iteka.
2. Gusabira ikoranabuhanga ryiyemeje kujya ritugezaho amakuru agezweho yerekeranye n’icyorezo cya Covid-19. Saba Imana kugira ngo ibafashe kujya batugezaho amakuru mu buryo bunoze.
3. Gusabira abantu bafite ibibazo, intimba ku mutima, kwiheba n'ubwoba muri iki gihe cy'icyorezo. Basabire kugira ngo babone ubufasha, ubutwari, ibyiringiro, no gukira binyuze muri Yesu.
4. Gusabira abapasitoroi, abarimu, abamisiyoneri, n'abizera bo muri Lawosi. Mu turere tumwe na tumwe biragoye cyane gukoresha ikorana buhanga kugira ngo rigere ku bantu bakora umurimo muri iki gihe cy’cyorezo cya covid-19 kandi umuntu ku giti cye rimwe na rimwe aba akenewe kugira ngo afashe abantu bahanganye n’ibibazo bitandukanye.

5. Sabira ubuyobozi bw’igihugu cyacu kugirango Imana ikomeze kubafasha mu guhashya icyorezo cya covid1-19.Saba ngo insengero zizafungurwe twongere gusengera hamwe.